

Serumu (ORS) ihabwa uwagaragaweho ibimenyetso by'indwara ya Ebola

HITA utanga serumu niba ubonye kimwe mu bimenyetso by'indwara ya Ebola:



Umuriro



Kuruka



Guhitwa


Uko watanga serumu mu buryo butekanye



Vanga ipaki 1 ya serumu na litiro 1 y'amazi meza.



Suka urwo ruvange mu gikombe (cyangwa icupa). Irinde gukora ku gikombe cy'umurwayi, icupa, cyangwa ibindi bikoresho. NTUGASANGIRE serumu, igikombe, cyangwa icupa n'abandi.



- Shishikariza abana n'abakuru kunywa serumu kenshi niba bahitwa cyangwa baruka.
- Bika serumu itakoreshejwe mu gikoresho gipfundikirwa.
- Buri munsu ujye ujugunya serumu itakoreshejwe.
- Hagarika kumuha serumu igihe aretse guhitwa no kuruka.